NYAMAKWA Tharcisse
Commune de Rutare
Préfecture BYUMBA.-

Kigali, le 9 septembre 1971.-

MBIMENYESHEJE :

- Bwana Préfet BIHARI wa Préfectura ya KIGALI.-
- Bwana Président wa Cour d'Appel i KIGALI.-
- Bwana Ministre w'Ubugenga-Gihugu n'Imanza i KIGALI.-

OBJET:
Plainte.-

Kuli Nyakubahwa Docteur Président wa Républika y'u Rwanda, Grégoire KAYIBANDA,
i
KIGALI.-

Nyaguhorabo Président,

Ndakuregera Bwana Préfet BIHARI wa Prefectura Kigali yuko yantanyije n'umuryango wanjye, akawoherezа mu mpunzi z'i Congo Kinshasa kuli tariki ya 20/8/1970 kubayo, bitewe n'urubanza nali mfitanye n'uwo mugore wanjye muli Cour d'Appel i Kigali; nabanje kumutsinda muli Tribunal de Canton; kandi akamucikisha amaze kumva itegeko lya Ministère w'Ubugenga-Gihugu n'Ubucamanza limutegeka kubuza uwo mugore kuva mu Rwanda, urubanza rwanjye nawe rutarashira.

Mgize copies 2 z'intanga-mugabo.
Ubwo lero yamwandikiye baruwa imuhagarika kandi amwandikira na Passeport!

N'ubwo kandi abacamanza ba Cour d'Appel banyohereje kujya gupima ubugali bw'isambu naburanaga n'uwo mugore wanjye le 17/8/1971. Ngeze muliyo sambu nsanga Bwana Préfet yohereje musaza w'uwo mugore wanjye kuyigurisha hamwe n'inka zanjye kandi byarashinganwe le 12/8/1970 (baruwa nº 1.203/JUST.).

Ikindi kandi Bwana Préfet avugira uwo mugore yuko yagiye Kinshasa kwivuza. Ndabaza yuko Bwana Préfet afite ububasha bwo kwoherez'umugore mu mahanga umugabo atemeye, nta certificat ya muganga, nta Passeport ya Immigration ?

Nyaguhorabo Nyakubahwa Président, nzi yuko haliho abashinzwe imanza, none nkaba mbikuregeye yuko mbona ko muli uru rubanza halimo ubutiliganya bwa politique, nkuko mbese nawe ubyibonera.

Mbashimiye igisubizo muzampa mudatinze, kuko ntafite aho nicaye na gato.-

NYAMAKWA Tharcisse.-